REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Toll : 6080
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°01/2020:** **Taliki: Mutarama 2020**

**Cyasohotse kuwa 05 Gashyantare 2020**

**Ingingoz'ingenzi:**

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari cyifashe mu kwezi kwa Mutarama 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gashyantare 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere m'ukwezi kwa Mutarama 2020 ndetse n'iziteganijwe m'ukwezi kwa Gashyantare 2020.

- Muri uku kwezi kwa Mutarama 2020; mu gihugu hose haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi mugihe cy'imyaka myinshi..
- Mu kwezi kwa Gashyantare 2020; hateganyijwe imvura iringaniye mu turere twose tugize igihugu cyacu, ikigero cy'imvura izaboneka kikaba kiri hagati ya milimetero 100 na 200.
- Muri uku kwezi kwa Mutarama 2020 ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu kwezi kw'Ukuboza, byatumye ibihingwa n'inzuri bikomezakumera neza hamwe na hamwe nubwo ahandi ibihingwa byangijwe n'imvura nyinshi ndetse n'imyuzure; iyi mvura nyinshi kandi hakaba aho yatwaye ubuzima bw'abantu ndetse ikangiza n'ibikorwa remezo

**Iriburiro**

Ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi kwa Mutarama uretse kubupimiro bwa Rubavu.

## I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mutarama 2020 mu buryo burambuye


Muri uku kwezi kwa Mutarama 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 48.6 na 222.4. Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Nyamagabe ingana na milimetero 222.4. Intara y'Amajyepfo, iy'Uburengerazuba ndetse n'Umujyi wa Kigali niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi. Mumujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kigali hapimwe milimetero 128 na milimetero 166.4 ku bupimiro bwa Gitega. Mu ntara y'amajyepfo kubupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 222.4

na Byimana (128mm). Mu majyaruguru haapimwe imvura muburyo bukurikira: Gicumbi (105.8mm), Busogo (176.4mm) na Musanze (107.5mm). Mu Burengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi (161.3mm), Rubavu (51.5mm), Rubengera (220.7mm) na Bugarama (164mm). Mu ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Kawangire hapimwe milimetero 86.9, milimetero 48.6 ku bupimiro bwa Nyagatare na milimetero 106.6 ku bupimiro bwa Ngoma. Iyi mvura nyinshi yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruhererereyemo ndetse n'imiyaga ituruka mu mashyamba ya Congo byatumye umwuka uhehereye wiyongera mu Rwanda.


**Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)**


| Ubupimiro | Mutarama 2020 | Mutarama |
|---|---|---|
| Kigali | 128 | 72.1 |
| Rusizi | 161.3 | 143.8 |
| Rubavu | 51.5 | 81.2 |
| Nyamagabe | 222.3 | 143.2 |
| Ngoma | 106.6 | 85.8 |
| Gicumbi | 105.8 | 62.7 |
| Busogo | 176.4 | 79 |
| Bugarama | 164 | 128.5 |
| Musanze | 107.5 | 69.7 |
| Gitega | 166.4 | 37.7 |
| Rubengera | 220.7 | 63.4 |
| Byimana | 153.4 | 112 |
| Kawangire | 86.9 | 71.6 |
| Nyagatare | 48.6 | 29.1 |

Imbonerahamwe ya1




Ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mutarama 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.








**Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm) muri Mutarama 2020**


**Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm) muri Mutarama**

## II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya $29.9^{0}$C na $21.5^{0}$C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi no ku bupimiro bwa Gicumbi mu karere ka Gicumbi. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya $11.9^{0}$C(Busogo) na $19.4^{0}$C (Bugarama). Igice cy'Amajyaruguru, Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).





Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru





Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

## III. Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka, biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwagiye bwiyongera biturutse kumvura yabonetse muri uku kwezi kwa Mutarama 2020 (**reba Ikarita 5&6**).




Ikarita5 : Ukuboza 2019




Ikarita6: Mutarama 2020

**IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 29 Gashyantare, 2020**




**Ikarita 7 :Ingano yimvura iteganyijwe muri Gashyantare 2020**

Muri uku kwezi kwa Gashyantare hateganyijwe imvura izagwa mu turere twose tw'igihugu cyacu ikazaba iri ku kigereranyo cya milimetero 100 na milimetero 200 kand ikazagwa mu gihugu hose. Iyi mvura izagwa muntangiriro zuku kwezi, igenende igabanuka, izongere kwiyongera mu minsi isoza ukwezi.

## VI. INGARUKA

Imvura yaguye mu muri uku kwezi kwa Mutarama yari nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyi minsi byateye ingaruka zikurikira:.

- Iyi mvura yaguye muri uku kwezi yafashije inzurigukura neza ndetse n'aborozi babona ubwatsi n'amazi by'amatungo.
- Imvura nyinshi yangije umusaruro wibihingwa byari bikiri mumurima bitarahunikwa;
- Imvura nyinshi yatwaye ubuzima bw'abantu mu bice bimwe na bimwe by'igihugu
- Amazu yubatse ahatameze neza nadasakaye neza yarasenyutse biturutse ku mvura nyinshi n'umuyaga.
- Hamwe na hamwe mu mugihugu habaye imyuzure ndetse n'inkangu kubera imvura nyinshi.

- Imvura nyinshi kandi yangje imiyoboro y’amazi bituma amazi asukuye agabanuka.
- Inkuba zatwaye ubuzima bw’abantu ndetse n’ubw’amatungo.= muduce tumwe na tumwe mu gihugu.

**Ibiteganyijwe muri Gashyantare**

Muri Gashyantare 2020, imvura iteganyijwe si nyinshi cyane, ishobora kuzatuma amazi meza aboneka henshi mu gihugu, inzuri zigakomeza gusa neza ndetse nabategura imirima yabo bakazabona umuco.

**N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry’iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n’iry’iminsi irindwi (7) ritangwa n’Ikigo cy’Ubumenyi bw’Ikirere (Meteo Rwanda).**